Sexual Exploitation of Children (**Kinyarwanda**)

IHOHOTERWA KU BANA RISHINGIYE KU BITSINA

Guhohotera abana bishingiye ku bitsina binyuranije n'amategeko kandi ni ubugizibwanabi bukabije.Guhohotera abana bishingiye ku bitsina bisobanura igihe umuntu asabye cyangwa aguze/acuruje imibonano mpuzabitsina n,umwana amuhaye impanocyangwa se ibintu nk'ibiryo, ,icumbi ,ibiyobyabwenge, inzoga,cyangwa amafaranga.Guhohotera umwana biba iyo umuntu umuruta cyangwa yizera cyangwa umufiteho ububasha nka mwene wabo,mwalimu,umwigisha w'idini,cyangwa umucamanza ashutse uwo aruta cyangwa ufite intege nke (utarageza ku myaka 18)akamukorera ibya mfura mbi bishingiye ku bitsina.Guhohotera abana bikubiyemo gukorakora imyanya y'umubiri y'umuntu uruta cyangwa ukamusaba kugukorakora ku mpamvu zo kugirana imibonano mpuzabitsina.

Ni inde uhohoterwa bishingiye ku bitsina?

Urubyiruko rw'abakobwa nibo bakunze guhura n'ikibazo cy'ihohoterwa,ariko n'abahungu nabo bajya bahohoterwa.Benshi baba barahuye n'ibibazo mu miryango yabo,gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa kutitabwaho bakiri bato,gufatwa ku ngufu cyangwa gukubitwa.Abandi baba batagira aho baba ,bibera hanze igihe gito cyangwa kirekire.Muri Icyo gihe cyo kutagira aho batura nibwo abantu bakuru babashuka bakabakorera ibya mfurambi.

Ni ku yihe myaka umuntu ashobora kwemera imibonano y,ibitsina.

Imyaka yo kwemera imibonano mpuzabitsina muri Canada ni 16..Iyi ni imyaka ihagije umuntu ashobora gufata icyemezo ku giti ke cyo kugira imibonano mpuzabitsina.N'ubwo umuntu w'imyaka 16 ashobora gufata icyemezo cyo kugira iyo mibonano,ntabwo aba araba mukuru.Muri Manitoba umuntu aba akuze iyo yujuje imyaka 18.Umuntu ufite imyaka 16 ashobora kwemera kugirana imibonano y'ibitsina n'umuruta iyo gusa uwo umuruta atamufiteho ububasha cyangwa atari umuntu yizera cyane.Binyuranije n'amategeko ko umuntu wo kwizerwa cyangwa ufite ububasha agirana imishyikirano mpuzabitsina n'abana batarageza ku myaka 18.Ni ishingano y,abakuru gukurikiza iri tegeko.

Byagenda gute uramutse uhamwe n'icyaha cyo guhohotera abana?

Uramutse uhamwe n'icyaha cyo guhohotera abana bafite munsi y'imyaka 16,ushobora gufungwa kugeza ku myaka 10,kandi ushobora kwirukanwa muri Canada.Imyitwarire yawe izagira ingaruka mbi ku muryango wawe ndetse kuri benewanyu muva hamwe.Polisi izashyira izina ryawe mu gitabo cy'abaruharwa aho buri wese ashobora kuribona.Uzabaho ubuzima bwawe bwose mu kimwaro kandi ushobora guhura n'ingorane zo kubona akazi cyangwa kubona aho utura.

Ni izihe ngaruka ku buzima?

Umwana wahuye n'i hohoterwa rishingiye ku bitsina ashobora kwandura indwara z'ibitsina cyangwa agakoko ka sida (VIH) .Niba uryamanye nawe udakoresheje agakingirizo,ushobora kumutera ,cyangwa we, akakwanduza imitezi.Niba urwaye indwara z'ibitsina cyangwa ukayanduza abandi,biroroshye cyane kwandura agakoko ka sida (VIH).Agakoko VIH gatera sida kandi sida nta muti igira.Niba waranduye agakoko ka sida(VIH),ushobora no kutabimenya kuko nta bimenyetso by'uburwayi bihita bigaragara.Ushobora gukwirakwiza iyi ndwara kubo mugirana imibonano y'igitsina ,ku mugabo wawe cyangwa umugore wawe ndetse n'abana kabone nubwo nta bimenyetso wowe ugaragaza.

Wakora iki niba ukeka ko hari umuntu waba ahohotera umwana?

Ni ishingano ya buri muntu wese mukuru kwita no kurinda abana ihohoterwa rishingiye ku bitsina.Niba ufite impungenge ko hari umwana uri guhohoterwa cyangwa gufatwa ku ngufu,ugomba kubimenyesha ubutegetsi bukwegereye nka polisi,ikigo cyita ku bana n'imiryango(Child and Family services),cyangwa ku ishami ry'indwara z'ibitsina ryo ku ivuliro rikwegereye.Si ngombwa gutanga amazina yawe kandi amakuru utanze afatwa nk'ibanga.Niba utazi uburyo wabyifatamo ,bimenyeshe umujyanama wawe umusabe kugufasha. .

Ibikorwa bikurikira ntibyemewe n'amategeko.Hamagara polisi niba:

- ubonye umuntu mukuru mu muhanda asaba umwana utujuje imyaka 18 ko bagirana imibonano mpuzabitsina.
- uzi umuntu ushora abana mu buraya (kwicuruza)
- ubonye amafoto/ibishushanyo byo guhohotera abana(kubakoresha ubusambanyi) ku rubuga
- umwana yashowe ku rubuga(internet) ku mpamvu z'ibitsina
- ubonye urubuga rwamamaza ingendo zigamije guhohotera abana bishingiye ku bitsina
- ukeka ko hari abaturanyi baba bakoresha inzu yabo mu bikorwa byo guhohotera abana
- uziko umwana ahohoterwa iwabo,ku ishuli cyangwa ahandi .

Ushobora kumenyesha ibi bikorwa bibi binyuranye n'amategeko ubinyujije ku rubuga rwa w.w.w.cybertip.ca,telefona polisi kuri 986-3464,cyangwa wohereze ubutumwa kuri wps-vice@winnipeg.ca.Ushaka kumenya byinshi kuri iyi nyandiko, gana kuri www.stopsexwithkids.ca.